No 250
Nzeri 2023



# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA

## Abayobozi b'Urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa politiki mu Ntara y'Amajyaruguru barahuguwe.




Muri gahunda y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yo kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya politiki n'abayoboke bayo, ku matariki ya 2-3 Nzeri 2023 muri hotel La Palme iherereye mu Karere ka Musanze, Ihuriro ryahuguye abayobozi b'Urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa politiki baturuka mu Turere 5 tugize Intara y'Amajyaruguru.

Amahugurwa yitabiriwe n'abagore 52 kuri 55 bari batumiwe; akaba yari agamije kongerera ubumenyi abayobozi b'Urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa politiki bo mu Ntara y'Amajyaruguru kugira ngo barusheho kwitabira ibikorwa bya Politiki no guhatanira kujya mu nzego zifatirwamo ibyemezo; kumenya guhuza inshingano z'inyabutatu no kwimakaza ihame ry'uburinganire mu muryango ndetse no mu Mitwe ya Politiki baturukamo.

Mu ijambo ry'ikaze ry'umunyamabanga nshingwabikorwa w'Ihuriro, **Bwana Gisagara Theoneste**, yashimiye abitabiriye amahugurwa ashimira n'imitwe ya politiki yabohereje. Yashimiye abayobozi batanga ibiganiro mu mahugurwa, ashimira kandi n'Umuyobozi Wungirije w'Ishami ry'Umuryango w'abibumbye ryita ku Iterambere mu Rwanda (UNDP) Madame **Varsha Redkar Palepu** wari waje kwifatanya n'Ihuriro muri aya mahugurwa.




**GISAGARA Theoneste**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro**

Amahugurwa yatangijwe n'Umuvugizi w'Ihuriro, **Depite MUKAMANA Elisabeth,** yashimiye abitabiriye amahugurwa anashimira Ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku iterambere (UNDP) mu Rwanda kubera ubufatanye bumaze imyaka irenga 10 muri gahunda zo kubaka ubushobozi bw'imitwe ya politiki n'abayoboke bayo, agaragaza ko ubwo bufatanye bukwiye gukomeza. Yavuze ko amahugurwa azafasha aba bayobozi kugira ubumenyi bwa ngombwa ku miyoborere myiza izana impinduka bakamenya uruhare n'inshingano z'umugore uri mu nzego z'ubuyobozi bw'umutwe wa politiki.



**Hon. MUKAMANA Elizabeth**
**Umuvugizi w'Ihuriro**



**Varsha Redkar Palepu**
**Umuyobozi wungirije wa UNDP Rwanda**

Umuyobozi Wungirije wa **UNDP** Madamu **Varsha Redkar Palepu** yashimiye ubuyobozi bw'Ihuriro, ashimira abayobozi batanga ibiganiro, avuga kandi ko yishimiye kuganira n'abagore bo mu Ntara y'Amajyaruguru. Yavuze ko UNDP izakomeza gutera inkunga iki gikorwa mu buryo burambye. Madamu Varsha yababwiye ko bakwiye kwishimira ko u Rwanda ari Igihugu cyateye imbere mu bijyanye no kwimakaza Ihame ry'uburinganire ndetse n'iterambere ry'umugore, aho 30% by'imyanya y'abagore mu nzego zifata ibyemezo iteganyijwe mu Itegeko Nshinga.

Yavuze ko n'ubwo hari byinshi byakozwe, urugendo rugikomeza. Yababwiye ko mu matora aheruka bishimiye icyegeranyo cyashyizwe ahagaragara na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (NEC) mu matora y'inzego z'ibanze yabaye muri 2021, aho yerekanye ko yakiriye kandidatire 1639 muri zo 39% zari iz'abagore. Yavuze kandi ko kugeza uyu munsi abagore 60.2 % bari mu nzego zifatirwamo ibyemezo mu nzego z'ibanze.
Yababwiye ko yifuza kubaha inshingano kubijyanye n'igwingira ry'abana kuko bifitemo inshingano zikomeye, nk'abayobozi b'urugaga rw'abagore bakaba bagira uruhare mu gukemura iki kibazo.

Yashoje avuga ko Igihugu cy'u Rwanda kigiye kujya mu kindi cyiciro cyiza cyo gutegura gahunda y'Igihugu mbaturabukungu (NST2) mu gihe cy'imyaka itanu (2024-2029), kandi ko UNDP izagira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa ry'iri genamigambi.

Muri aya mahugurwa hatanzwe ibiganiro bitatu:

- "Uruhare rw'umugore mu bikorwa bya Politiki: umugore arashoboye, ibyakozwe n'imbogamizi" cyatanzwe na **Hon. MUKASINE Marie Claire**;
- "Politiki y'uburinganire n'iterambere", cyatanzwe na **Me KAMASHAZI Donnah**;
- "Ubuhamya bw'Umugore witeje imbere mu mwuga wa Politiki", bwatanzwe na **Depite MUKABUNANI Christine.**

Abitabiriye amahugurwa kandi bagize umwanya wo kuganira ku bibazo bitandukanye mu matsinda babishakira ibisubizo. Bimwe muri ibyo bibazo byibanze ku buryo

- Politiki y'uburinganire n'ubwuzuzanye yumvikana mu muryango nyarwanda;
- Imbogamizi abagore bahura nazo zituma batitabira ibikorwa bya politiki;
- Icyo abagore bakwiye gukora mu kubaka umuryango utekanye kandi ushoboye, n'ibindi.

Aya mahugurwa yasojwe n'Umuvugizi w'Ihuriro, **Depite MUKAMANA Elizabeth**, Yashimiye abagore bayitabiriye n'ibitekerezo batanze bigaragaza ko hari aho bageze mu bikorwa by'iterambere.

Yagarutse ku nshingano z'inyabutatu zo kuba umuyobozi, umugore n'umubyeyi avuga ko bisaba ko umugore aba umucyo kandi agahagarara neza mu nshingano ze.

Yababwiye ko kugira ngo uburinganire n'ubwuzuzanye bigerweho bisaba gukorera hamwe no kwita ku burere bw'abana bo bayobozi b'ejo hazaza, kuba umucyo barwanya imbogamizi zagaragajwe kandi bakitabira kujya mu nzego zifatirwamo ibyemezo, bagatora kandi bakiyamamaza.

Yashimiye umuryango **UNDP** ukomeje gushyigikira Ihuriro muri ibi bikorwa byo guteza imbere abagore.

## INAMA RUSANGE Y'IHURIRO YAGANIRIYE KURI POLITIKI N'INGAMBA Z'IGIHUGU MU KUNOZA IMITURIRE NO GUKORESHA NEZA UBUTAKA



Inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro yateranye tariki ya 28 Nzeri 2023, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro **Depite MUKAMANA Elisabeth**. Inama yabereye ku cyicaro cy'Ihuriro ku Kacyiru, mu Karere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.

Inama Rusange y'Ihuriro yagejejwe ho ikiganiro kuri **"Politiki n'ingamba z'Igihugu mu kunoza imiturire no gukoresha neza ubutaka";** cyatanzwe na Minisitiri w'Ibidukikije **Dr. MUJAWAMARIYA Jeanne d'Arc.**



**Dr. MUJAWAMARIYA Jeanne d'Arc**
**Minisitiri w'Ibidukikije**

Mu kiganiro cye, yavuze ko u Rwanda rwashyizeho Igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze n'imitunganyirize y'ubutaka 2020-2050, cyemejwe n'Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 29 Nyakanga 2020, gisohoka mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, no. 15 bis yo kuwa 26 Mata 2021. Igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze n'imitunganyirize y'ubutaka cyateguwe habanje gusesengurwa ibibazo binyuranye bijyanye n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda, birimo:

- Kuba u Rwanda ari Igihugu gifite ubuso buto (26,338Km2) kandi kikaba kidakora ku nyanja;
- Ubwiyongere bw'abaturage buri hejuru (Miliyoni 13,2 mu mwaka wa 2022) n'ubucucike bwabo bukaba buri hejuru (abaturage 503 / Km2 mu mwaka wa 2022);
- Gucagaguramo ubutaka, hatangwa imigabane ku bana;
- Kuba umubare munini w'Abanyarwanda bakora umwuga w'ubuhinzi;
- Akajagari mu miturire;
- Kumva ko buri wese agomba kugira inzu ye yo guturamo;
- Ubutaka buto bugomba gukorerwaho ibikorwa byinshi binyuranye;
- Imihindagurikire y'ibihe, ubutaka butakaza ireme kubera kubuhingaho ubutaruhuka, guhinga ahateye amashyamba, isuri, inkangu n'ibindi.

Minisitiri **Dr MUJAWAMARIYA Jeanne d'Arc** yagaragaje ko, ubwiyongere bw'abaturage mu Rwanda bugaragaza ko mu mwaka wa 2050, u Rwanda ruzaba rutuwe n'abaturage miliyoni 23.5, bikazatuma abaturage bazaba batuye kuri kilometero kare bazaba ari igihumbi (1,000Inhabitants/Km2). Bukazaba ari bwo bucucike buzaba buri hejuru cyane muri Afurika. Ibi bizagira ingaruka zikomeye ku butaka, ari nako havuka ibibazo binyuranye bibushingiyeho. U Rwanda rukaba ruteganya ko mu mwaka wa 2050, abaturage bazaba batuye mu Mijyi bazaba bageze kuri 70% bavuye kuri 27.9% mu mwaka wa 2022. Kugira ngo bizashoboke, bisaba ko haboneka ibikorwaremezo bya ngombwa (mu miturire,ubwikorezi, ubuhinzi, inganda, ibidukikije, n'ibindi) kandi bigakoreshwa neza bitanga umusaruro ukwiye. Hakenewe ingamba zikomeye z'igenamigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka n'ishyirwa mu bikorwa ryazo, kugira ngo u Rwanda ruzagere ku byo rwiyemeje. Ku bijyanye no gutura mu Mijyi, u Rwanda rwatangiye gutunganya Imijyi yunganira Umujyi wa Kigali, mu cyiciro cya mbere (Phase I) hari gutunganywa imijyi ikurikira: Nyagatare, Rubavu, Musanze, Rusizi, Huye. Mu cyiciro cya kabiri (Phase II) hazatunganywa Imijyi ya Karongi, Kirehe, na Kayonza. Ku birebana n'uburyo ubutaka busaranganyije hakurikijwe ibizabukorerwaho, Minisitiri yavuze ko: Ubutaka bugenewe ubuhinzi n'ubworozi ni: 47,2%; bukazaba buri ku buso bungana na 12,433Km2; Ubutaka bugenewe guterwaho amashyamba n'urusobe rw'ibinyabuzima ni: 29.3% bukazaba buri ku buso bungana na 7,725Km2; Ubutaka bugenewe imiturire, n'ibindi bikorwaremezo nk'imihanda ni: 15.1% bukazaba buri ku buso bungana na 3,980Km2; Amazi, ibishanga n'ahandi hakomye ni: 8.5% bukazaba buri ku buso bungana na 2,200Km2. Minisitiri yavuze ko mu gutegura iki Gishushanyo mbonera cy'imikoreshereze y'ubutaka, habaye kuganira n'inzego n'abafatanyabikorwa banyuranye, barimo inzego za Leta, Intara, Uturere, Abikorera, imiryango itegamiye kuri Leta, n'abandi. Ku birebana n'aho gutegura ibishushanyo mbonera by'Uturere bigeze, yavuze ko hari ibishushanyo mbonera byamaze kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri birimo igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali kigizwe n'Uturere twa Gasabo, Kicukiro na Nyarugenge n'ibishushanyo mbonera by'Uturere 5: Muhanga, Huye, Gisagara, Nyagatare na Gicumbi. Ibindi bishushanyo mbonera 7 byamaze kwemezwa n'Inama Njyanama z'Uturere, bikaba bisigaye kwemezwa n'Itsinda rirebana n'iby'ubukungu (Economic Cluster): icy'Akarere ka Rubavu, Musanze, Rulindo, Nyaruguru, Rwamagana, na Kirehe. Igishushanyo mbonera cy'Akarere ka Ngoma cyararangiye gisigaje kwemezwa n'Inama Njyanama y'Akarere. Hari kandi ibishushanyo mbonera by'Uturere 6 biri gutegurwa (Bugesera, Kamonyi, Ruhango, Kayonza, Rusizi, Karongi). Naho ibishushanyo mbonera by'Uturere 7 bizaba birangiye gutegurwa bitarenze umwaka wa 2024 (Nyamagabe, Rutsiro, Burera, Nyanza, Ngororero, Nyamasheke, na Nyabihu). Mu gusoza ikiganiro, Minisitiri w'ibidukikije yibukije ko bikwiye gukoresha neza ubutaka, bikajyana n'iterambere ry'Igihugu. Agaragaza ko zimwe mu mbogamizi zihari ari uko hari abantu bamwe bashaka gukoresha nabi ubutaka, nkaho usanga ubutaka bw'ubuhinzi bukorerwaho ibindi bitemewe, gukoresha nabi ibyangombwa byo kubaka baba bahawe, n'ibindi. Yashishikarije Abanyarwanda kubaka inyubako zishobora gukorerwamo serivisi nyinshi mu rwego gukoresha neza ubutaka (Mixed Land use). Nko kuba mu nyubako imwe y'igorofa hasi hakorerwamo ibikorwa by'ubucuruzi, hagati hagakorerwa serivisi zinyuranye, hejuru hagaturwamo. U Rwanda rushaka ko imikoreshereze y'ubutaka igira uruhare rugaragara mu iterambere ry'ubukungu bw'Igihugu.

Yasabye Imitwe ya Politiki:

- Kugira uruhare mu kumenyekanisha ikigamijwe mu Gishushanyombonera cy'imikoreshereze n'imitunganyirize y'ubutaka n'akamaro kacyo mu iterambere ry'ubukungu bw'u Rwanda;
- Gukomeza gusobanurira abanyarwanda ko ubutaka bugenewe ubuhinzi bugomba guharirwa ubuhinzi gusa kandi bagahinga kijyambere kugira ngo haboneke umusaruro uhagije;
- Gukomeza gushishikariza Abanyarwanda bose kubahiriza ibiteganyijwe mu Gishushanyo mbonera cya buri gace, no kubahiriza ibyo baherewe ibyangombwa cyane cyane mu birebana n'imyubakire;
- Guteganya ko muri buri Site y'imiturire, hakwiye kubonekamo, aho abantu bakorera siporo mu rwego rwo gufasha abantu kugira ubuzima bwiza.

Inama Rusange yatanze inama zifasha mu ishyirwa mu bikorwa ry'Igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze n'imitunganyirize y'ubutaka no kunoza imiturire mu Rwanda.

Muri iyi nama, Inama Rusange yemeje raporo y'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2022 - 2023.

Inama Rusange yashyizeho abagize Biro y'Ihuriro: ku mwanya w'Umuvugizi, hatowe **Depite NIZEYIMANA Pie**, uturuka mu Mutwe wa Politiki UDPR, asimbura Depite MUKAMANA Elisabeth wo Mutwe wa Politiki PPC.

Ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije, hatowe madamu **MUKABASEBYA Claudette** wo mu Mutwe wa Politiki PDC asimbura Depite NZEYIMANA Jean Claude uturuka mu Mutwe wa Politiki DGPR. ■